



ICYEMEZO CY'URUKIKO RUKURU, URUGEREKO RWIHARIYE RUBURANISHA IBYAHU
MPUZAMAHANGA N'IBYAMBUKA IMBIBI, GITEGEKA UWIHISHE UPUTABERA KWITABA
URUKIKO MU RUBANZA N° RP 00022/2019/HC/HCCIC.

URUKIKO:

Rumaze kubona ikirego Ubushinjacyahamo burega SEBUTIMBIRI Faustin, RWABIGWI Zephanie na BAMPIGIRE Samuel alias KINYANGE ibyaha by'iterabwoba mu rubanza n° RP 00022/2019/HC/HCCIC;

Rumaze kubona ko SEBUTIMBIRI Faustin na RWABIGWI Zephanie barezwe nk'abatorotse ubutabera nk'uko bigaragazwa n'inyandiko ikibiyemo ikirego ndetse n'uburyo Ubushinjacyaha bwabisobanuye mu iburanisha ryo kuwa 15/12/2021;

Rushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 z'itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Rutegetse SEBUTIMBIRI Faustin na RWABIGWI Zephanie kwitaba Urugereko rwihariye rw'Urukiko Rukuru ruburanisha ibyaha mpuzamahanga n'ibyaha byambuka imbibi ku kicaro cyarwo kiri i Nyanza, **kuwa 19/01/2022** saa mbiri za mu gitondo (8h00) kugira ngo yiregure ku byaha aregwa, natitaba Urukiko bizafatwa nk'aho yasuzuguye amategeko maze urubanza ruburanishwe adahari;

Rutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku biro by'Urugereko rwihariye rw'Urukiko Rukuru ruburanisha ibyaha mpuzamahanga n'ibyaha byambuka imbibi mu gihe cy'iminsi umunani (8), kikanatangazwa mu kinyamakuru "IMVAHO NSHYA".

Ni uko Rutegetse kandi rusomeye mu ruhame iki cyemezo kuwa 15/12/2021.

INTEKO:

SE/
NGABIRE Blaise
UMUCAMANZA

SE/
KANYEGERI N.Timothée
PEREZIDA

SE/
NSANZIMANA Fidèle
UMUCAMANZA

SE/
NSENGIMANA Boniface
UMWANDITSI W'URUKIKO



*Copy Certified in Court room with the original
on 16th December 2021 by the Court Registrar
NSENGIMANA Boniface*